Republic of Rwanda
Ministry of Gender and Family Promotion

# MENYA IHAME RY'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE



## IMFASHANYIGISHO

Kamena, 2021

**“Uburinganire si ikibazo kireba abakobwa n’abagore gusa, ahubwo ni inshingano ya buri wese kuko uburinganire no kongerera ubushobozi abagore ni umusingi wo kurwanya ubukene no kwiteza imbere birambye”**

(Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y’u Rwanda Paul Kagame,
Inteko Rusange ya 63 y’Umuryango w’Abibumbye i New York, kuwa 23 Nzeri 2008)

# IJAMBO RY'IBANZE



Iyi mfashanyigisho "Menya Ihame ry'Uburinganire" yateguwe na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF) mu rwego rwo kuzuza inshingano zayo zo kongerera ubumenyi abanyarwanda mu kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'umuryango no kurengera abana.

Mu gutegura iyi mfashanyigisho hashingiwe ku ngamba z'igihugu zigamije kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore, mu cyerekezo u Rwanda rwihaye cyo kuba igihugu gifite iterambere rirambye rigizwemo uruhare n'abakobwa n'abahungu, abagore n'abagabo barutuye. Hifashishijwe kandi inyandiko ya Politiki y'Igihugu y'uburinganire, izindi Politiki, amategeko bigenderwaho mu Rwanda n'izindi mfashanyigisho zagiye zitegurwa n'abafatanyabikorwa ba MIGEPROF.

Minisiteri ikaba inejejwe no kugeza ku Banyarwanda iyi mfashayigisho ku buringanire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Rwanda kugira ngo ibafashe kumenya akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye no guhindura imyumvire, bakareka imico n'imigirire bishingiye ku mateka bibangamira ihame ry'uburinganire.

Ndashimira abafatanyabikorwa bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi mfashanyigisho baba abo mu nzego za leta, abikorera n'abo mu miryango itegamiye kuri Leta. Ndashimira kandi uruhare bakomeje kugira mu guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore mu Rwanda.

**Assoc.Prof. BAYISENGE Jeannette**
*Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango*

# IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE

| | |
|---|---|
| **MINADEF** | : Minisiteri y'Ingabo |
| **MINIJUST** | : Minisiteri y'Ubutabera |
| **MINECOFIN** | : Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi |
| **MINISPOC** | : Minisiteri y'Umuco na Siporo |
| **NPPA** | : Ubushinjacyaha Bukuru bwa Repubulika |
| **CORDAID** | : Umuryango Gatorika ukora Ubutabazi Bwihuse no Gufasha mu Iterambere |
| **RWAMREC** | : Umuryango Nyarwanda ushishikariza abagabo kugira uruhare mu guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina (Rwanda Men's Resource Center) |
| **GEWEP** | : Gahunda yo Guteza Imbere Uburinganire no Kuzamura Abagore |
| **BDF** | : Ikigo cy'Ingwate gifasha imishinga mito n'iciriritse kugera kuri serivisi z'imari |
| **CEDAW** | : Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore |
| **CNF** | : Inama y'Igihugu y'Abagore |
| **COPEDU** | : Banki iteza imbere Abagore |
| **FFRP** | : Ihuriro ry' Abanyarwandakazi baba mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda |
| **IMF** | : Ikigo Mpuzamahanga cy'Imari |
| **GMO** | : Urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo |
| **IZU** | : Inshuti z'umuryango |
| **MIGEPROF** | : Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango |
| **SDGs** | : Intego z'Iterambere Rirambye |
| **UN** | : Umuryango w'Abibumbye |
| **UNWOMEN** | : Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburinganire no guteza imbere Abagore |
| **UWI** | : Umugoroba w'Imiryango (UWI) |

# IBIRI MU MFASHANYIGISHO

IRIBURIRO....................................................................................................................1
INTEGO Y'IMFASHANYIGISHO ......................................................................................2
ABAZAKORESHA IYI IMFASHANYIGISHO.......................................................................2
UKO IMFASHANYIGISHO YATEGUWE..............................................................................2
UBURYO IMFASHANYIGISHO IZAKORESHWA...............................................................3

IGICE CYA 1: KUMVA NEZA AMAGAMBO Y'INGENZI YEREKEYE IHAME RY'UBURINGANIRE..........................................................................................3

IGICE CYA 2: AMATEKA Y'IHAME RY'UBURINGANIRE MU RWANDA.............................8
- 2.1. Uburinganire mbere y'umwaduko w'abazungu.....................................................9
- 2.2. Uburinganire mu gihe cy'ubukoloni na nyuma y'ubwigenge...............................9
- 2.3. Uburinganire nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.......................10
- 2.4. Imbogamizi zikigaragagara n'ibigomba gukorwa...............................................11

IGICE CYA 3: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE MU MATEGEKO NO MU MASEZERANO MPUZAMAHANGA...........................................................12
- 3.1. Mu mategeko mpuzamahanga............................................................................13
- 3.2. Amategeko ashimangira ihame ry'uburinganire mu Rwanda.............................13

IGICE CYA 4: UBURINGANIRE N'UMUCO NYARWANDA...............................................15
- 4.1. Bimwe mu biranga umuco.....................................................................................15
- 4.2. Umuco nyarwanda n'uburinganire........................................................................15
- 4.3. Umuco no kubaka urugo.......................................................................................16
- 4.4. Umuco n'umurimo................................................................................................18
- 4.5. Guteza imbere umuco w'ubufatanye mu kubaka umuryango.............................19

IGICE CYA 5: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE MU ITERAMBERE RY'IGIHUGU..........19
- 5.1. Uruhare rw'uburinganire mu guteza imbere ubukungu........................................20
- 5.2. Uburinganire n'imibereho myiza..........................................................................22
- 5.3. Uruhare rw'Uburinganire mu miyoborere myiza..................................................28
- 5.4. Ingaruka n'igihombo cyo kutita ku buringanire.....................................................29

IGICE CYA 6: URUHARE RW'ABAGABO N'ABAGORE MU KWIMAKAZA UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE..........................................................................................30
- 6.1. Uruhare rw'abagabo n'abahungu mu kwimakaza uburinganire...........................31
  - 6.1.1. Intambwe zo guhinduka no guhindura abandi bagabo.............................31
  - 6.1.2. Ibiranga umugabo wahindutse.................................................................32
- 6.2. Uruhare rw'abagore n'abakobwa mu kwimakaza ihame ry'uburinganire..............32
- 6.3. Akamaro ko guhinduka mu migirire n'imyifatire mu kwimakaza uburinganire.....33

UMUSOZO....................................................................................................................34
IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE.....................................................................35

# IRIBURIRO

Kuva kera umuryango (umugabo, umugore n'abana) wahoze ariwo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda. Abagabo bari bafite inshingano zabo bihariye n'abagore bakagira izabo hashingiwe cyane cyane ku muco. Umugabo niwe wari nyiri urugo, agafatwa nk'umuyobozi w'umuryango akawuhagararira, akawuhahira. Ni we wari ushinzwe ibyo kubaka, iby'ubuhinzi, iby'amatungo. Umugore na we yari afite uruhare runini mu buzima bw'umuryango n'ubw'igihugu muri rusange, kandi iyo yahabwaga umwanya mu buyobozi yahatambukanaga umucyo. Mu rugo umugore yari afite inshingano zo kwita ku bana, n'imirimo yose yo mu rugo, agahabwa icyubahiro mu muryango nyarwanda nk'umubyeyi kandi akarindwa icyamwambura icyubahiro cye.

Icyakora hari imyumvire n'ibikorwa bimwe byakorwaga byavukije umugore bumwe mu burenganzira bwe nk'uburenganzira ku mutungo, gutanga ibitekerezo mu ruhame, kumuhohotera n'ibindi. Iyi myumvire yatumye habaho ubusumbane bushingiye ku gitsina bwagiye bugaragarira mu mibanire n'ubushobozi hagati y'abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu.

Kuva nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994, Leta y'u Rwanda yahisemo kwimakaza ihame ry'Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa mu rwego rwo guca ubusumbane, ndetse byinjizwa muri politiki na gahunda za Leta zigamije guteza imbere igihugu mu buryo burambye hagamijwe ko abanyarwanda bose bagira uruhare mu iterambere ritagira uwo riheza.

Abanyarwanda bateye intambwe yo gusohoka muri iyo mitekerereze ari nako bimakaza imyumvire mishya ikosora ibitari binoze mu muco wa kera, kuko icyerekezo cy'iterambere gisaba umugabo n'umugore kujya inama bakagabana imirimo bitewe n'ubushobozi n'umwanya buri wese afite.

N'ubwo hari byinshi byagezweho haracyari imbogamizi zituruka ku kuba hakiri abagifite imyumvire itajyanye n'igihe tugezemo ituma hakibaho ihohotera rishingiye ku gitsina no gutuma abagore/abakobwa by'umwihariko batagaragaza ubushobozi bifitemo, ngo banagire uruhare mu guteza imiryango yabo imbere n'igihugu muri rusange.

Niyo mpamvu iyi mfashanyigisho yateguwe kugira ngo ifashe abanyarwanda guhindura imyumvire, bareke imico idakwiriye, imigenzo n'imigirire bishingiye ku mateka bibangamira ishyirwa mu bikorwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

**Iyi mfashanyigisho igizwe n'ibice bitandatu by'ingenzi bikubiyemo ubumenyi kuri ibi bikurikira:**

- Ihame ry'uburinganire n'amagambo akoreshwa agendanye naryo
- Amateka y'uburinganire mu Rwanda
- Amategeko ashyigikira ihame ry'uburinganire
- Uburinganire mu muco nyarwanda
- Uruhare rw'uburinganire mu iterambere
- Uruhare rw'umugabo n'umugore mu guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

# INTEGO Y'IMFASHANYIGISHO

Iyi mfashanyigisho ikubiyemo ubutumwa bugamije kwigisha abanyarwanda mu byiciro bitandukanye ibikubiye mu ihame ry'uburinganire n'ibyiza byaryo, kugira ngo barusheho gusobanukirwa, guhindura imyumvire no kugira uruhare mu guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Rwanda.

By'umwihariko iyi mfashanyigisho izafasha mu kurandura imico ya kera, imyumvire idakwiye n'ibikorwa byimakaza ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore, abakobwa n'abahungu. Igamije kandi kumvikanisha ibyiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye, abantu ntibumve ko uburinganire ari uburenganzira bwa muntu gusa ahubwo ko ari n'uburyo bwo kugera ku itermbere rirambye buri wese arigizemo uruhare; kandi hagamijwe no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina (GBV).

Iyi mfashanyigisho ikubiyemo ubutumwa bushobora kwifashishwa no gutangwa n'inzego zitandukanye zaba inzego za Leta, abikorera, abanyamadini, mu miryango itari iya Leta, mu mashuli no mu itangazamakuru mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'ubumenyi budahagije ku ihame ry'uburinganire. Igamije kandi kumvikanisha uruhare rw'abagabo n'abahungu mu gutuma uburinganire bugerwaho.

# ABAZAKORESHA IYI IMFASHANYIGISHO

Iyi mfashanyigisho izifashashishwa n' abafatanyabikorwa ba MIGEPROF cyane cyane abayobozi b'inzego z'ibanze, imiryango ikora ubukangurambaga mu kwimakaza ihame ry'uburinganire, no gukemura no gukumira amakimbirane mu muryango, abanyamadini inshuti z'umuryango n'abagize komite nyobozi z'Umugoroba w'Imiryango muri buri mudugudu.

Ibi byiciro ni abafashamyumvire bazajya bakoresha iyi mfashanyigisho mu biganiro bitandukanye bazajya bagirana n'abagize umuryango mu rwego rwo kubakangurira kumenya no kwita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Abagize umuryango nyarwanda bose bashobora kwifashisha iyi mfashanyigisho bayisoma cyangwa bayisomera mu miryango yabo mu rwego rwo kwimakaza ihame ry'uburinganire mu muryango nyarwanda.

# UKO IMFASHANYIGISHO YATEGUWE

Kugira ngo iyi mfashanyigisho ikorwe, hakoreshejwe uburyo bukurikira: gusoma inyandiko zifitanye isano n'ihame ry'uburinganire, kuganira n'abafatanyabikorwa mu nzego zitandukanye zaba iza Leta ndetse n'abo mu miryango itari iya Leta no guhuriza hamwe ibyavuye mu biganiro. Iyi mfashanyigisho ikubiyemo inyigisho zizatangwa mu buryo bw'ibiganiro.

# UBURYO IMFASHANYIGISHO IZAKORESHWA

Kugira ngo iyi mfashanyigisho izagere ku nshingano zo kumvikanisha ihame ry'uburinganire mu banyarwanda, abafashamyumvire bazakoresha uburyo bubereye abantu bakuru bwibanda cyane cyane ku guha buri wese umwanya wo gutanga ibitekerezo kuri buri nsanganyamatsiko, bityo abaganira bagafata umwanzuro w'icyo bakwiye kandi bagomba gukora kugira ngo uburenganzira n'amahirwe bingana aribyo bituma bagira uruhare mu iterambere rirambye.

Ibi biganiro bishobora gutangwa mu buryo bw'amahugurwa ahabwa icyiciro cy'abantu bazahugura abandi, ishobora na none kujya iganirwaho mu nama zitandukanye. Umufashamyumvire ashobora gutanga ikiganiro kimwe kimwe kugeza igihe byose birangiriye.

**Buri kiganiro kigizwe n'ibice bikurikira:**

- Igice cya mbere ni ukwinjira mu kiganiro kigizwe no kwerekana igishushanyo.
- Igice cya 2: Utanga ikiganiro asaba abitabiriye ikiganiro ibitekerezo ku byo babonye ku gishushanyo no ku nsanganyamatsiko.
- Igice cya 3: Uyoboye ikiganiro ageza ku bakurikirana ikiganiro, ibitekerezo by'ingenzi bijyanye n'insanganyamatsiko y'ikiganiro.
- Igice cya 4: Abitabiriye ikiganiro bavuga muri make isomo bakuye muri icyo kiganiro.

# IGICE CYA 1: KUMVA NEZA AMAGAMBO Y'INGENZI YEREKEYE IHAME RY'UBURINGANIRE




Aba bagabo n'abagore ntibarumva kimwe ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

Abantu benshi ntabwo basobanukiwe neza amagambo akunze gukoreshwa iyo havuzwe uburinganire. Muri ayo magambo twavuga: uburinganire, ubwuzuzanye, inshingano z'abagore n'abagabo, ibyitirirwa igitsina runaka, n'ayandi. Muri iki gice murahasanga ibisobanuro bya buri jambo muri ayo tuvuze haruguru.

Uburinganire hagati y'abagore n'abagabo bufite ibisobanuro bitandukanye bijyana n'umuco, imibereho, imibanire n'imyifatire n'ibyo abantu baha agaciro mu gihe runaka ari yo mpamvu dukwiye kubyumva kimwe kugira ngo hirindwe icyazana kutabishyira mu bikorwa kikaba cyakurura ihohoterwa rya hato na hato, guhezwa muri gahunda z'iterambere n'ibindi.

**Ibisobanuro by'amagambo y'ingenzi:**

Mu gusobanura amagambo y'ingenzi afitanye isano n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, hifashishijwe Itegeko N° 51/2007 ryo kuwa 20/09/2007 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego Rushinzwe kugenzura Iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Rwanda, itegeko N°59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira rikanahana ihohoterwa rishingiye ku gitsina na Politiki y'igihugu y'uburinganire (2021). Muri iki gice amagambo afite aho ahuriye n'uburinganire asobanurwa ni aya akurikira:

**Jenda (Gender):** ijambo rikoreshwa bavuga inshingano, uburenganzira, amahirwe, icyubahiro n'agaciro umuntu ahabwa na sosiyete, bitandukanye n'ibya mugenzi we badahuje igitsina, bishobora guhinduka bijyanye n'igihe, umuco n'ibindi;

**Igitsina:** Ibiranga imiterere y'umubiri bigaragaza niba umuntu ari umugore cyangwa umugabo. Urugero: Umugore aratwita, arabyara, akonsa ariko umugabo niwe utera inda.

**Uburinganire:** Uburenganzira umuntu wese avukana bwo kubaho nta vangura rishingiye ku kuba ari umuhungu cyangwa umukobwa. Mu buringanire kandi harimo kugira uburyo bwo kubaho bungana, uruhare n'inyungu mu iterambere ry'ubukungu, kugira irangamimerere rimwe (ingaragu cyangwa uwubatse), kugira uburenganzira bungana ku mutungo.

**Uburinganire ntabwo bivuga ko:** Abagore n'abagabo bagira imiterere y'umubiri imwe ahubwo bivuze ko bagira amahirwe n'uburenganzira bingana. Ntibivuze kandi ko abagore babaye ibyigenge, bigaranzuye abagabo ntibinavuze kandi ko abanyarwanda bataye umuco wabo bagafata uw'abazungu, ko abagabo bahagurukijwe ku ntebe ngo abagore bayicareho, cyangwa ko umuco nyarwanda watakaye. Ahubwo uburinganire hagati y'abagabo n'abagore bivuga ko abagabo n'abagore banganya agaciro, uburenganzira n'amahirwe, cyane cyane mu byo bemererwa n'amategeko no muri gahunda z'igihugu, no mu bibakorerwa hashingiwe kandi ku byo buri wese akeneye.

**Ubwuzuzanye:** uburyo abagize umuryango bafatanya kubaka urugo rwabo, buri wese akagira icyo amarira umuryango we akurikije uburyo, umwanya, amikoro n'ubushobozi bwe. Icyo umwe ashoboye akunganira undi ntawe uvunisha undi hagamijwe kubaka umuryango utekanye kandi uteye imbere.

**Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo**: ukugira amahirwe angana kandi asesuye ku bagore n'abagabo bwo gukoresha uburenganzira bwabo bwa muntu n'ubushobozi bwabo, bakagira uruhare rungana mu bikorwa byose by'iterambere ry'Igihugu haba mu rwego rwa politiki, ubukungu, imibereho myiza n'umuco, bakanabona ku musaruro uvuyemo ku buryo bungana;

**Icyitonderwa:**

Muri rusange ugereranyije uburinganire n'ubwuzuzanye, umuntu yavuga ko uburinganire burushaho gutuma umugabo n'umugore barushaho kuzuzanya muri byose kugira ngo bigerweho, bisaba:

1) **Guha amahirwe angana abagore n'abagabo** ku buryo bigaragara ko nta nzitizi zihari ku bijyanye n'uruhare bagira mu bukungu, politiki n'imibanire hashingiwe ku gitsina n'indi miterere.

2) **Gushyiraho ingamba zo kuzamura abasigaye inyuma mu iterambere**: Ni ingamba zihariye z'igihe gito zifatwa mu gihe abagore cyangwa abagabo, abahungu cyangwa abakobwa badahagarariwe cyangwa bigaragaye ko bakiri inyuma muri gahunda zitandukanye: Urugero: imyanya mu nzego zifata ibyemezo, mu itangwa ry'akazi. Mu gihe uburinganire bugeze ku rugero rushimishije, izo ngamba ntizizaba zikenewe gukoreshwa.

3) **Kongerera ubushobozi abagore cyangwa abagabo** hagamijwe kubongerera amahirwe kugira ngo nabo babashe kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu cyabo.

**Isesengura ry'uburinganire:** ni uburyo bwo gusuzuma uko ubudasa/itandukaniro bw'inshingano, ibikorwa, ibikenewe, uburenganzira n'amahirwe bigira ingaruka ku bagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa mu bihe runaka. Isesengura ry'uburinganire ryerekana ibyo abagore n'abagabo bahuriyeho cyangwa batandukaniyeho, rikagaragaza isano iri hagati yabo ishingiye ku buringanire, uko bagera ku mitungo n'ingorane bahura nazo.

**Uburinganire n'iterambere**: gahunda y'igenamigambi ry'iterambere rishingira ku gusesengura no kwita ku miterere inyuranye n'ibikenerwa bitandukanye ku bagore no ku bagabo, igamije gutuma habaho ibyangombwa by'iterambere bituma uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo bugerwaho.

**Kwinjiza uburinganire muri gahunda z'iterambere**: gahunda igamije gushishikariza inzego zose kwita ku buringanire n'iterambere no gukosora ubukererwe mu iterambere bw'igice kimwe cy'abantu, baba abagore cyangwa abagabo.

**Icyuho mu buringanire:** ni ibintu bitandukanye bibura kugira ngo abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu bagere ku mahirwe n'uburenganzira bwabo, uburenganzira ku mitungo no kuyifataho ibyemezo, uruhare rungana mu iterambere no mu nzego zifata ibyemezo n'ahandi.

**Ubuhumyi ku buringanire**: bavuga ko umuntu/umuryango cyangwa inyandiko ifite ubuhumyi ku buringanire iyo ititaye ku bibazo bishingiye ku buringanire cyangwa ngo ivuge ku buryo bweruye umugore, umugabo, umusore n'umukobwa. Inyandiko nyinshi zikunda kuba zivuga gusa "abantu" muri rusange cyangwa "abakuze" cyangwa "urubyiruko".

**Ingengo y'imari isubiza ikibazo cy'uburinganire (Gender Responsive Budgeting (GRB):** Ni ugukora igenambigambi no kugena ingengo y'imari yita ku bibazo by'umwihariko bibangamiye uburinganire hagati y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa. Kugira ngo ibi bishoboke bishingira ku isesengura rikorwa mu kugaragaza icyuho cy'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore n'uburyo ingengo y'imari yakuraho icyo cyuho.

**Ubusumbane bushingiye kuri Jenda:** ni ubusumbane hagati y'abagore n'abagabo mu byerekeye uruhare rwabo mu nzego zose, ku mahirwe bahabwa no ku burenganzira muri rusange;

**Ihohoterwa rishingiye ku gitsina:** ni igikorwa [icyo ari cyo cyose] gikorerwa umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina n'icyo kumwima uburenganzira ku mutungo, kubera ko ari uw'igitsinagore cyangwa uw'igitsinagabo. Iki cyaha gishobora gukorerwa mu rugo cyangwa hanze yarwo.

**Ibyitirirwa igitsina runaka (Stereotypes):** ni ukwitirira abantu cyangwa itsinda ry'abantu, ibibaranga, imirimo n'inshingano zabo ushingiye ku gitsina. Ibyitirirwa abantu bishobora kubagaragaza nabi (urugero: abagore ntibazi gutwara imodoka, abagabo ntibashobora guhindurira abana ibyo bitumyemo) no kubagaragaza neza (urugero: abagore bazi gufata neza abagabo, abagabo bagira ingufu). Ibyitirirwa umuntu bishobora kubangamira amahitamo ye cyane cyane kumubuza gukomeza inzira yifuzaga guhitamo nko kwiga cyangwa gukora imirimo runaka.

**Izindi ngero z'ibyitirirwa igitsina runaka:**

- Ibiranga imiterere: Abagore bagomba kugira isoni, batuje kandi bicisha bugufi, bagira gahunda mu bintu kandi bagira isuku mu gihe abagabo bagomba kugira amakare, amahane, ari bo bategeka kandi biyemera.

- Imyitwarire mu rugo: Abagore nibo bateka bagakora n'indi mirimo yo mu rugo kandi nibo bazi kurera abana cyane mu gihe abagabo bazi ibyo gusana ibyo mu nzu, ntibashobora guteka, kudoda cyangwa kwita ku bana.

- Imirimo: Abagore baberwa no gukora imirimo y'ubwarimu, ubuforomo, ubunyamabanga, gukora mu isomero kandi ntibaberwa no gukora ibya politike. Mu rundi ruhande abagabo bakora imirimo idasaba isuku nk'ubukanishi, abubatsi, ba kanyamigezi, ba injeniyeri kandi bavamo abanyapolitiki beza.

- Uko umuntu agaragara: Abagore bagomba kuba ari bato bato, bagufi kandi boroshye mu gihe abagabo baba ari barebare kandi bakomeye.

Kubera ko mu muco nyarwanda habamo imvugo ziheza abagore, turasabwa kuzirinda tugakoresha imvugo n'amagambo adasesereza umugore n'umukobwa. Urugero: iyo uvuze ngo "Inzoga y'abagabo" uba uvuze ko umugore ahejwe kuri iyo nzoga we nta ruhare nta n'uburenganzira ayifiteho. Ibyiza ni ukuvuga uti: "inzoga y'intwari". Hari ijambo rikunze gukoreshwa bashaka kuvuga umuyobozi w'inama cyangwa w'itsinda runaka bakamwita "Chairman", umugabo niwe uhita wiyumva.

Ariko iyo uvuze "Chairperson" umugore nawe yiyumvamo. Hari n'aho usanga iteka mu nkuru bagaragaza umugabo nk'umuyobozi, ufite igarade/intera yo hejuru umugore akaba ari hasi. Urugero iteka Diregiteri akaba umugabo, umwungirije cyangwa umufasha we mu kazi akaba umugore. Ahandi hagaragara ihezwa ni mu mikino aho amashusho n'inkuru zose bigaragaza abahungu aribo bakina umupira w'amaguru. Ibi ntibikwiye kuba gutyo iteka ryose kuko bituma umukobwa ukiri muto atiyumvamo impano y'umupira w'amaguru mu gihe bikozwe mu buryo nawe abona amashusho n'inkuru za bagenzi be b'abakinnyi nawe yahita yiyumvamo iyo mpano ndetse agahatanira gushaka kuyibyaza umusaruro.

Abantu twese turasabwa gukoresha imvugo yubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ni ukuvuga itagira uruhande ipfobya, iheza cyangwa ikomeretsa.

**Kurema/guhanga uburinganire (engendering):** ni uburyo bwo kurema no gushyiraho gahunda n'igenamigambi rihamye kandi riha abagore n'abagabo ibyo bakeneye byose. Ni ugushyira imbere kwirinda ibyabangamira uburinganire, gukemura ibibazo by'abagore no gusobanura ibyakozwe hagamijwe kuzana impinduka mu gihugu

**Ibikorwa byemeza:** Ingamba zashyiriweho kongera umubare w'abahagarariye itsinda ry'abasigajwe inyuma hakurwaho ibyatumaga badahabwa umwanya nk'abandi bagahabwa ibyo bemererwa n'amategeko.

**Imirimo yo mu rugo idahemberwa:** Ni imirimo yose yo mu rugo ikorerwa abagize umuryango, nko kwita ku bantu, isuku n'ubukorerabushake mu gace umuntu atuyemo. Yitwa imirimo kuko ishobora gukorwa n'undi utari uwo mu rugo akayihemberwa

**Kongerera ubushobozi abagore n'abagabo:** kongererwa ubushobozi ni uburyo bukoreshwa mu kongerera abantu ubushobozi, mu birebana na politiki, ubukungu n'imibereho myiza, baba abantu ku giti cyabo cyangwa se akarere runaka. Ni ugukuraho imbogamizi kugira ngo abagabo n'abagore bashobore kwirwanaho mu kwita ku buzima bwabo, hagamijwe ko bikemurira ibibazo, bihaza batagize undi bategereza ko abafasha. Mu ngingo zigize ukongerera abagore ubushobozi harimo uburenganzira n'ububasha ku mutungo, uruhare rufatika muri politiki, kugabanya no korohereza abagore inshingano bafite zo kwita ku rugo kandi badahemberwa, uburenganzira n'ububasha ku mibiri yabo bwite nko kubaho ahatarangwa ihohoterwa no kubasha gufata ibyemezo bijyanye no kubyara.

**Uburenganzira bw'abagore n'abagabo:** Kugira uruhare rusesuye kandi rungana rw'abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa mu buzima bwerekeye politiki, imbonezamubano, ubukungu n'imibereho myiza, ku rwego rw'igihugu, urw'akarere igihugu giherereyemo no ku rwego mpuzamahanga, no guca burundu uburyo bwose ivangura rishingiye ku gitsina ryigaragazamo.

**Inshingano z'abagore n'abagabo:** Hari inshingano abagore n'abagabo bahuriyeho hari n'izo badahuje. Habaho in**shingano eshatu zigendanye na jenda:** kubyara, gukora imirimo no guteza imbere aho atuye.

**Inshingano zo kubyara:** zikubiyemo kwita no gusigasira imibereho myiza y'abagize umuryango bawukorera ubu n'igihe kizaza (inshingano zo gutwita no gukora imurimo yo mu rugo).

**Inshingano zo gukora:** zigendanye n'imirimo ibyara inyungu ikorwa n'abagore n'abagabo bakayihemberwa amafaranga cyangwa ibindi bitari amafaranga.

**Inshingano zo guteza imbere aho batuye:** zigizwe ahanini n'imirimo yo mu rugo yo kwita ku muryango badahemberwa no kwita ku mazi, isuku n'isukura.

Mu bihugu byinshi usanga abagore bakora izo nshingano zose uko ari eshatu mu gihe abagabo bo bakora inshingano ebyiri (2): gukora no guteza imbere aho batuye. Izo badahuje ni i**nshingano zishingiye ku gitsina:** ni ukuvuga inshingano zikorwa biturutse ku miterere karemano ishingiye ku gitsina: Urugero: Abagore barabyara, bakonsa, abagabo batera inda… Izi nshingano ntiziguranwa.





Gutwita no konsa ni inshingano umugore yihariya adasangiye n'umugabo

### ISOMO NKUYE MURI IKI GICE

- Uburinganire ni uburenganzira n'amahirwe bingana imbere y'amategeko umuntu wese atangomba kuvutswa bitewe n'uko ari umukobwa cyangwa umuhungu, umugabo cyangwa umugore;
- Uburinganire ntabwo bivuga ko abagore n'abagabo baba kimwe ahubwo bivuze ko bagira amahirwe n'uburenganzira bingana.
- Uburinganire ntabwo bivuga ko abagore babaye ibyigenge, umuco w'abazungu wimye, nta n'ubwo ari gahunda ya Shitani yo gusenya ingo. Ahubwo bivuze ko abagabo n'abagore banganya agaciro, uburenganzira n'amahirwe,......

# IGICE CYA 2: AMATEKA Y'IHAME RY'UBURINGANIRE MU RWANDA

Intego y'iki gice ni ugufasha umuntu wese gusobanukirwa amateka y'ihame ry'uburinganire mu Rwanda. Iki gice cyanditswe hifashishijwe inyandiko zikurikira: Inyandiko yagaragazaga imiterere y'uburinganire mu Rwanda yasohowe na MIGEPROF mu mwaka wa 2005, Gahunda y'igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina (2011) n'iteganyabikorwa ryayo (2011-2016), Inyandiko nyobozi igaragaza indangagaciro z'umuco nyarwanda yanditswe na MINISPORT (2018), Tumenye kandi twimakaze ihame ry'uburinganire, turwanye ihohoterwa

rishingiye ku gitsina yanditswe na GMO (2019), Inyandiko mfashamyumvire ku buringanire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Rwanda yanditswe na Pro-Femmes Twese Hamwe (2016) na Politiki y'igihugu y'uburinganire (2021).

## 2.1. Uburinganire mbere y'umwaduko w'abazungu

Abakurambere bacu bahaga agaciro abagize umuryango bose, buri wese agahabwa icyubahiro akwiye, kandi agahabwa inshingano zijyanye n'umuco wariho n'ubushobozi bwa buri wese. Umutungo w'urugo wacungwaga neza, kandi abagize umuryango bakajya inama muri byose, haba hari icyo batumvikanyeho, bakiyambaza umuryango mugari ukabibafashamo.

Umugore yafatwaga nk'uw'agaciro mu buzima n'imiyoborere by'umuryango n'ubw'igihugu, urugero ni nk'umwanya ukomeye cyane wahabwaga umugabekazi (kuko yategekanaga n'umwami). Ikindi kandi mu mateka harimo imvugo zahaga agaciro abagore aho wasangaga bitwa ba "Mutima w'urugo" no mu migani nk'iyi igira iti "Ukurusha umugore akurusha urugo", "Akabura ntikaboneke ni nyina w'umuntu" (GMO, 2019). Mu rugo, umugore niwe wari umujyanama wa mbere w'umugabo we. Urugero iyo umugore yabuzaga umugabo we kujya ku rugamba ntago yabaga akigiyeyo. Iyo umugabo yirengagizaga icyifuzo cy'umugore we agashaka kujya ku rugamba ku ngufu, umugore yijishuraga umweko akawushyira mu gikingi cy'irembo umugabo ntaharenge (MIGEPROF, 2021). Ibi bikaba bigaragaza uburyo bajyaga inama kandi bakayihuza.

Ariko kandi, amateka agaragaza ko mu muco nyarwanda umugabo n'umwana w'umuhungu bari bafite inshingano zitandukanye n'iz'abagore n'abakobwa, kuko umugabo yari ashinzwe imirimo iteza imbere urugo, akaruhahira, agashaka ibikenewe byose naho umugore agakora imirimo yo guteka, kugabura, gukora isuku, no kurera abana gusa. Imirimo isaba ingufu nko kubaka no kujya ku rugamba yakorwaga n'abagabo, bakaba n'abatware b'umuryango. Ku ruhande rumwe byahaga umugabo inshingano nyinshi wenyine kandi zivunanye ariko ku rundi ruhande bikamuha ububasha n'uburenganzira ku mutungo w'urugo kurusha umugore (MIGEPROF, 2019). Umugore ntiyemererwaga kuvuga ijambo mu ruhame. Ibi byagaragariraga mu migani nk'iyi ikurikira: "Nta nkokokazi ibika isake ihari", "Urugo ruvuze umugore ruvuga umuhoro", "Umugabo umwe agerwa kuri nyina" n'iyindi migani. Umugabo we yahahiraga urugo gusa, agashaka ibikenewe byose. Ku bijyanye n'umutungo, umuhungu ni we waragwaga umutungo, akazungura ababyeyi be iyo babaga bitabye Imana (MINISPOC, 2018).

## 2.2. Uburinganire mu gihe cy'ubukoloni na nyuma y'ubwigenge

Mu gihe cy'ubukoloni, ubwo abazungu bazaga mu Rwanda nabwo ubusumbane bwarushijeho kugaragara bitewe n'uko ubukungu n'imibereho y'abaturage byavuye ku mutungo w'ibintu bishingira ku mafaranga, haza akazi gatanga umushahara kagahabwa abize amashuli n'ubwo abagore n'abakobwa bize bari bake. Cyakora na none muri icyo gihe habayeho impinduka nto kuko abakobwa bake batangiye kujya mu mashuri ya sosiyale, biga gusoma no kwandika, kudoda no gufuma, ibyafatwaga nk'ibihariwe abakobwa kandi

bifite agaciro gake mu muryango (sosiyete) ugereranije n'ibyo abahungu babaga bagomba kwiga mu mashuri bijyanye n'ubutegetsi, n'amategeko, icungamutungo n'ibindi. Muri rusange bamwe mu bagore n'abakobwa batangiye gukorera umushahara ku kwezi ariko ntibyababaga biboroheye nk'igihe babaga babyaye

Nyuma y'ubwigenge, abagabo bakomeje kwiharira imyanya y'ubuyobozi bw'igihugu no mu nzego zifata ibyemezo. Inama mpuzamahanga ya mbere yabaye muri 1975 muri Mexico, yerekanye ko umugore yakomeje gusigazwa inyuma ugereranyije n'umugabo kandi bombi nk'abafatanyije urugo, bakagize uburenganzira bungana.

Byatumye hafatwa umwanzuro wo kwita ku buringanire bw'umugore n'umugabo no kwinjiza umugore mu iterambere n'amahoro; ariko mu Rwanda ntibyahise byubahirizwa kugeza mu mwaka wa 1991 igihe cya politiki y'amashyaka menshi, aho abagore n'abakobwa nabo bagiye mu mashyaka bagabana imyanya mu buyobozi n'ubwo nabwo bari bake cyane (GMO, 2019).

Muri rusange ariko nta cyahindutse kuko abana b'abahungu bakomeje guhabwa amahirwe menshi yo kwiga kurusha abakobwa ndetse bagahabwa akazi gahemba umushahara kurusha bashiki babo. Abagore benshi bakomeje kuba mu mirimo y'ubuhinzi, mu bucuruzi buciriritse, bakaba bake cyane mu nzego zifata ibyemezo, n'abari mu buyobozi bakaba bungirije abagabo (Pro-femmes Twese Hamwe, 2016).

## 2.3. Uburinganire nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu1994, Ubuyobozi burangajwe imbere na Perezida wa Repubulika Nyakubahwa Paul Kagame bwakoze impinduka nyinshi zigamije gushimangira ihame ry'uburinganire n'iterambere ry'abagore. U Rwanda kandi rwashyize umukono ku masezerano mpuzamahanga ndetse runashyira imbaraga mu ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano n'Ibyemezo Mpuzamahanga yari yarasinywe mbere mu rwego rwo guteza imbere uburinganire. Urugero twavuga nk'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku burenganzira bwa muntu, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore (CEDAW) mu 1979 n'imyanzuro y'Inama Mpuzamahanga yabereye Beyijingi mu Bushinwa mu 1995 n'andi. Ibi byazanye impinduka zikomeye mu muryango nyarwanda, abanyarwandakazi bitabira kurushaho kujya mu nzego zifata ibyemezo cyane cyane mu buyobozi bukuru bw'igihugu.

Havuguruwe kandi hashyirwaho n'andi mategeko mu rwego rwo gukomeza guteza imbere ihame ry'uburinganire. Muri ayo mategeko harimo by' umwihariko Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 10 ivuga ko abagore bagomba byibura kuba 30% mu nzego zifata ibyemezo. Mu Rwanda hagiyeho inzego zitandukanye zishinzwe kwimakaza ihame ry'uburinganire no guteza imbere umugore harimo Minisiteri y' Uburinganire n' Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo (GMO), Inama y'Igihugu y'Abagore (NWC) n'Ihuriro ry'Abanyarwandakazi baba mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP).

Hashyizweho Politiki zishimangira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kandi zigamije kurandura ubusumbane no gukumira ihohoterwa, muri zo politiki twavuga nka Politiki ivuguruye y'Uburinganire (2021), Politiki y'uburezi bw'umwana w'umukobwa (2008), Politiki y'igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina (2011)iri kuvugururwa ubu, politiki ikomatanyije y'uburenganzira bw'abana (2011) n'ingamba zitandukanye zita ku ihame ry'uburinganire muri za gahunda z'igihugu.

Hashyizweho amategeko ahana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina na gahunda zo kuzamura umwana w'umukobwa mu burezi. Ibipimo by'uburinganire n'ubwuzuzanye mu igenamigambi byashyizweho hagamijwe guteza imbere uburinganire mu igenamigambi, ingengo y'imari n'isuzumabikorwa.

Inama ya 20 isuzuma ibyemezo-ngiro bya Beyijingi, yabereye New York muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika muri Nzeri 2015, yasabye ko uburinganire bugerwaho bwuzuye, ubusumbane bukaba bwavuyeho burundu bitarenze muri 2030, ari naho Abakuru b'ibihugu bemeje ko abagabo babigiramo uruhare rufatika, bitangirana n'ubukangurambaga bwa « HeForShe », ari yo gahunda ishimangira uruhare rw'abahungu n'abagabo mu gutuma uburinganire n'ubwuzuzanye bugerwaho. Perezida w'u Rwanda, Nyakubahwa Paul Kagame ni umwe mu ba Perezida icumi batoranijwe mu guteza imbere ubwo bukangurambaga ku isi hose.

U Rwanda kandi rwiyemeje gushyira mu bikorwa Intego zose z'Iterambere Rirambye, urugero intego ya 5 isaba "Kugera ku buringanire n'ubwuzuzanye no guha abagore bose n'abakobwa Ubushobozi", kandi bukagaragara no mu zindi Ntego z'Iterambere Rirambye (SDGs) zose. Mu ruhando mpuzamahanga, u Rwanda ruri imbere ku isi mu kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore, aho ruza ku mwanya wa mbere mu kugira abagore benshi mu Nteko ishinga Amategeko (61.3% nyuma y'amatora yabaye muri 2018) (GMO, 2019). U Rwanda kandi ruza ku mwanya wa karindwi (7) ku isi mu kuziba icyuho cy'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore nk'uko byatangajwe na raporo ya World Ecomic Forum yo mu 2021.

## 2.4. Imbogamizi zikigaragagara n'ibigomba gukorwa

N'ubwo hari byinshi byiza byagezweho mu guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda, haracyari imbogamizi zishingiye ahanini ku kuba abagabo n'abagore bamwe batarumva neza ihame ry'uburinganire ndetse bagakoresha nabi uburenganzira bwabo mu guhohotera abagore cyangwa abagabo babo, hamwe na hamwe bigakurura n'ubwicanyi hagati y'abashyingiranywe bityo bikaba intandaro y'ubukene bw'abagize umuryango kubera gutakaza umwanya mu makimbirane, aho kuwukoresha bateza imbere urugo rwabo ndetse n'igihugu muri rusange.


Abagore n'abakobwa baracyazitirwa n'inshingano nyinshi zo mu rugo zirimo kwita ku burere bw'abana, kumenya ibitunga abagize imiryango no kuba iyo mirimo idahabwa agaciro kandi ibatwara umwanya munini w'ibindi bikorwa bakabaye bakora byabateza imbere, bityo bagakomeza kuba mu bukene.

Niyo mpamvu iyi mfashanyigisho yateguwe kugira ngo ifashe abanyarwanda, abakuru n'abato gusobanukirwa neza akamaro k'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore kuko iyo umugore n'umugabo bafite uburenganzira bungana, bituma biyumvamo n'inshingano n'uruhare bingana mu kwiteza imbere bityo n'igihugu kigatera imbere ntawe usigaye inyuma.

## ISOMO NKUYE MURI IKI GICE

- Amateka y'u Rwanda rwa mbere y'abakoroni, yaranzwe no guha agaciro abagize umuryango bose, buri wese agahabwa icyubahiro akwiye, kandi agahabwa inshingano zijyanye n'umuco wariho n'ubushobozi bwa buri wese.
- Umugore yafatwaga nk'uw'agaciro mu buzima n'imiyoborere by'umuryango n'ubw'igihugu, ibi bikagaragazwa n'umwanya ukomeye cyane wahabwaga umugabekazi (kuko yategekanaga n'umwami), amazina bahabwaga n'imigani imwe n'imwe.
- Umugore niwe wari umujyanama wa mbere w'umugabo we.
- Cyakora na none mu mateka harimo ibigaragaza ubusumbane no kutuzuzanya hagati y'abagabo n'abagore abahungu n'abakobwa. Mu gihe abagabo bakoraga imirimo isaba ingufu, kandi bakaba no mu myanya yo hejuru mu buyobozi, abagore n'abakobwa bakoraga imirimo yo mu rugo gusa bakanaba bacye cyane mu buyobozi. Nta nubwo bari bemerewe uburenganzira ku mutungo no kuzungura. Hazunguraga abana b'abahungu gusa. Ibi byatumye abagore benshi baba mu bukene bukabije.
- Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994, Leta y'u Rwanda yimakaje ihame ry'uburinganire. Ubu umugore n'umugabo barareshya imbere y'amategeko, kandi bafite amahirwe uburenganzira bungana ku mutungo no kuzungura kandi bahabwa ubutabera ku buryo bungana. Haracyari imbogamizi mu ishyirwa mu bikorwa ry'ihame ry'uburinganire bitewe n'ubumenyi buke n'imyumvire ya bamwe itaragera ku kigero gikwiye ku bijyanye n'Ihame ry'Uburinganire

# IGICE CYA 3: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE MU MATEGEKO NO MU MASEZERANO MPUZAMAHANGA



Umugabo n'umugore barareshya imbere y'amategeko

Uburinganire ni uburenganizira bw'ibanze bwa muntu, buri wese avukana kandi yemererwa n'amategeko, bushyigikiwe n'amasezerano mpuzamahanga hamwe n'amategeko y'igihugu. Ibi bivuze ko ku isi yose, abantu bose bakwiriye kugira uburenganzira bungana, umugabo n'umugore, umuhungu n'umukobwa.

## 3.1. Mu mategeko mpuzamahanga

Umugore n'umugabo bombi bafite uburenganzira bwo kubaho no gufatwa kimwe hatitawe ku gitsina. Ubu burenganzira umuntu wese arabuvukana akabugumana kugeza apfuye ku buryo adashobora kubwamburwa n'uwo ari we wese. Ibi biri mu masezerano y'Umuryango w'Abibumbye ku burenganzira bwa muntu yo mu 1948 bikanashimangirwa n'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa umugore (CEDAW), imyanzuro y'inama ya 4 mpuzamahanga yabereye Beijing mu 1995, Intego z'Iterambere rirambye cyane cyane iya 5 n'Amasezerano ya Maputo, yemejwe n'Afurika Yunze Ubumwe kuya 11 Nyakanga 2003.

## 3.2. Amategeko ashimangira ihame ry'uburinganire mu Rwanda

Mu Rwanda, amateka ya mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yaranzwe n'ubusumbane no gutsikamira umugore yarahindutse, ubu umugabo n'umugore bafite uburenganzira bungana. Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 riteganya uburinganire bw'abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo, bukagaragarira mu nzego zifatirwamo ibyemezo aho abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana ( 30%) by'imyanya, bukagaragara kandi mu mitwe ya politiki haba mu gushaka abayoboke, gushyiraho inzego z'ubuyobozi, mu mikorere no mu bikorwa byayo (Ingingo ya 10, ingingo ya 56), no mu gushyiraho abayobozi bo mu nzego z'ibanze.

Buri wese yaba umugore cyangwa umugabo, umuhungu cyangwa umukobwa agomba kutabangamira uburenganzira bwa mugenzi we kandi ufite ubumuga akitabwaho by'umwihariko kubera imiterere ye.

Itegeko ngenga No. 12/2013/OL ryo ku wa 12 Nzeri 2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta, rishyiraho ingamba zo gusobanura ibijyanye no kugena imari ikoreshwa mu kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Ubu abashyingiranywe bafite uburenganzira n'inshingano bingana byo kwita ku rugo rwabo, ku bana babo ndetse no kuri bo ubwabo, bagomba kudahemukirana, ahubwo bagatabarana, kandi bagomba gufatanya muri byose, by'umwihariko mu buyobozi bw'urugo rwabo harimo kurwitaho no kurwubaka rugakomera (Ingingo ya 209 y'Itegeko No 32/2016 ryo kuwa 28 Kanama 2016 rigenga abantu n'umuryango).

Abana b'abahungu n'abakobwa bafite uburenganzira bungana mu kuzungura umutungo w'ababyeyi babo. Abashyingiranywe bashyiriweho uburyo butandukanye bwo gucunga umutungo w'umuryango kandi bafite uruhare rungana mu kongera no kuwucunga neza (Itegeko No 27/2016 ryo kuwa 8 Nyakanga 2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura)

Ku birebana n'ubutaka, abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu bafite uburenganzira bungana mu gucunga no gukoresha ubutaka kandi uburenganzira ku butaka hagati y'umugabo n'umugore bashyingiranywe ku buryo bwemewe n'amategeko buterwa n'icungamutungo bahisemo. Niyo mpamvu iyo basezeranye ivangamutungo rusange dusanga ku byangombwa byabo by'ubutaka haba handitseho 50% ku mugabo na 50% ku mugore.

Ivangura iryo ari ryo ryose, ryaba irishingiye ku gitsina cyangwa inkomoko, ku byerekeranye no kubona ubutaka no kugira uburenganzira bwo kubutunga rirabujijwe (Itegeko No 43/2013 ryo kuwa 16 Kamena 2013 rigenga ubutaka mu Rwanda). Bitandukanye na cyera aho guhohotera umugore byari byemewe, ubu ihohoterwa iryo ariryo ryose rishingiye ku gitsina rirabujijwe kandi rihanwa n'amategeko. Uwahohotewe ahabwa ubutabera agacungirwa umutekano kandi agahumurizwa. Itegeko No 59/2008 ryo kuwa 10 Nzeli 2008, rikumira kandi rigahana ihohoterwa iryo ari ryo ryose, rifite ingingo nyinshi zirengera abagore n'ibihano bihabwa uwari wese uzakora ihohotera.

Mu rwego rw'umurimo hatowe Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda rishimangira uburinganire mu bijyanye n'itangwa ry'akazi. Nta mukozi ugikorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina ngo uwarikoze ye guhanwa, ivangura iryo ari ryo ryose rirahanwa, kandi abakozi bose bafite amahirwe angana mu kazi. Ubu ababyeyi babyaye bahabwa igihe cy'ikiruhuko, igihe cyo konsa cyarongerewe gishyirwa ku mezi atatu (3), ababyeyi bafite uburenganzira bwo kujya mu kiruhuko cy'ababyeyi bagakomeza guhembwa n'uburenganzira bwo gukomeza akazi nyuma y'ikiruhuko cy'ababyeyi (Itegeko n° 003/2016 ryo ku wa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara).

## ISOMO NKUYE MURI IKI GICE

- Uburinganire ni uburenganzira bw'ibanze bwa muntu buri wese avukana kandi yemererwa n'mategeko mpuzamahanga n'ay'Igihugu cyacu.
- Abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu, bose barareshya imbere y'amategeko;
- Nta muntu n'umwe wemerewe kubangamira uburenganzira bw'undi;
- Abashyingiranywe bafite inshingano zingana zo kwita ku burere bw'abana babo, urugo rwabo no kuri bo ubwabo

# IGICE CYA 4: UBURINGANIRE N'UMUCO NYARWANDA

Iyo bavuga ko umwana afite ingeso nziza, bavuga ko azikomora ku babyeyi be, kuri se cyangwa nyina, bisobanura ko umuco tuwukomora ku batubanjirije. Umuco mu muryango w'abantu ntuvukanwa, ahubwo uratozwa, ukaba utandukanye na kamere kuko umuco ari imyitwarire, imitekerereze, ubumenyi, imyemerere umuntu agenda ahererekanya n'abandi.

## 4.1. Bimwe mu biranga umuco

Umuco ugaragarira mu ndangagaciro ziwugize ari byo bimenyetso n'imyifatire biranga abantu. Indangagaciro zituma ingeso mbi n'imyitwarire igayitse bikumirwa zitwa kirazira. Mu muco nyarwanda habonekagamo indangagaciro zimakaza ubusumbane bushingiye ku gitsina harimo guha agaciro abahungu n'abagabo kurenza abagore n'abakobwa kandi bose bangana, n'iziteza imbere uburinganire harimo guha icyubahiro umugore mu muryango nyarwanda. Hakwiye kurebwa iziteza imbere uburinganire akaba arizo zimakazwa kuko uburinganire ari urubariro rw'inkingi z'iterambere ry'igihugu.

## 4.2. Umuco nyarwanda n'uburinganire

Mu Rwanda rwo hambere, nubwo umugore yashoboraga kugira uruhare mu buyobozi nko kuba umugabekazi, umujyanama n'ibindi,… ariko na none mu Rwanda kimwe no mubindi bihugu byinshi byo ku isi, umugore yari yarahejwe ku mutungo, gutanga ibitekerezo, guhitamo no gufata icyemezo hakiyongeraho no guhohoterwa kuko amahirwe n'ububasha byinshi byahabwaga umugabo.



Hari imwe mu migirire ishingiye ku muco nyarwanda itarahaga agaciro umugore

Umugore n'umukobwa bari abo gukora imirimo yo mu rugo gusa naho abagabo bakaba aribo bashinzwe guhahira urugo no gushaka ibitunga umuryango. Ibi byatumaga umugabo agira uburenganzira n'ububasha ku mutungo w'urugo ugereranije n'umugore.



Hari zimwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda zahaga agaciro umugore

Kuba umubare w'abagore ukiri muto mu nzego zimwe na zimwe harimo n'izifata ibyemezo, biterwa ahanini n'ibisigisigi by'umuco wavugaga ko umugore ari uwo kwita ku mibereho rusange y'urugo; bikaba bikigaragara ko ari imwe mu mbogamizi zituma abagore n'abakobwa batitabira uko bikwiye kujya mu nzego zitandukanye.

Kuba umugore yavugira mu ruhame cyangwa agafata ijambo umugabo we ahari, si ikibazo kuko ubu igitekerezo cya buri wese (umugore n'umugabo) kirakenewe kugira ngo hubakwe iterambere ry'umuryango. Kuri ubu abagore bize amashuri, bagenze amahanga, bakora imirimo itandukanye, bafite ibitekerezo byubaka. Hari imigani nk'uyu ugira uti "Nta nkokokazi ibika isake ihari" itagifite umwanya kuko yapfobyaga uruhare rw'umugore mu iterambere ry'igihugu abinyujije mu gutanga ibitekerezo kandi nabyo bikenewe. Kugira uburenganzira bungana, ubwizerane, ubwubahane n'ubworoherane mu mibanire, no kurangwa no kuvugisha ukuri, ni bimwe mu bintu by'ingenzi biranga umuco wo kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.

## 4.3. Umuco no kubaka urugo

Mu muco nyarwanda, bimenyerewe ko umuhungu ariwe ufata iya mbere akabwira umukobwa ko amukunda ndetse akamusaba ko babana. Nyamara ariko ibi ntibivuze ko iteka ryose umuhungu ariwe ubanza gukunda ahubwo ukuri ni uko hari ubwo umukobwa ari we ubanza gukunda umuhungu.

Muri iki gihe abahungu n'abakobwa bafite uburenganzira bungana imbere y'amategeko. Kuba umwe yabwira undi ko amukunda ntacyo bitwaye ahubwo ni byiza cyane. Abakobwa nabo bakwiye kumenya ko gufata iya mbere bakabwira abahungu ko babakunda ntacyo bitwaye kandi ko ari uburenganzira bwabo.  Ndetse bakwiye no kumva ko mu gihe umukobwa yifuza kubakana n'umuhungu akunda, kubimubwira nta kosa yaba akoze.




Kuri ubu umukobwa ashobora kubwira umuhungu ko amukunda ndetse ko yifuza ko babana

Kuba umukobwa yafata iya mbere akabwira umuhungu ko amukunda ntibikwiye kuba ikibazo kuko ni uburenganzira bwe gukunda uwo ashaka, igihe ashakiye, no kubimubwira ndetse akaba yamusaba ko babana. Umuco wo kubuza umukobwa kwereka uwo akunda amarangamutima ye hashingiwe ko atari ko bigenda ukwiye gucika kuko ubangamira abahungu n'abakobwa. Hari abavuga ko byaba bigayitse umugabo aramutse asanze umugore we bakabana mu nzu yubatswe n'umugore. Kuba umusore ari we wubaka inzu ntabwo ari ihame ahubwo umugore nawe ashobora kubaka inzu niba ari we ufite ubushobozi kandi ntibibuze ko we n'uwo bashakanye bayibanamo amahoro.

## 4.4. Umuco n'umurimo





Abagore n'abakobwa nabo barashoboye (bashobora gucunga umutekano, gukina umupira w'amaguru n'indi mirimo inyuranye.)

Hari imyuga imwe n'imwe n'imikino bizwi ko yahariwe abagabo ku buryo umugore cyangwa umukobwa uyikoze abantu bamureba nabi cyangwa bakamugaya. Iyi ni nk'ubushoferi, gukina umupira w'amaguru, gusiganwa ku magare, kuba umusirikari, umupolisi n'iyindi. Ibi nabyo bikwiye kumvikana kuko umugore n'umukobwa bafite uburenganzira n'ubushobozi bungana n'ubw'abagabo mu gukora iyo myuga no gukina imikino iyo ariyo yose ikurikije amategeko mu gihe babyigiye cyangwa se babifitiye ubushobozi. Nta mwuga wahariwe bamwe cyangwa abandi, bose bagomba gukora bakagira uruhare mu iterambere.

Kuba umugabo yakora imirimo imwe n'imwe izwi kuba yarakorwaga n'abagore gusa mu Rwanda rwo hambere nko guteka, gusukura umwana no kumugaburira, gusasa, kumesa n'ibindi nta mugabo bikwiye gutera isoni. Ahubwo abantu bakwiye kumva ko ari ibintu byiza kandi bishoboka mu rwego rwo guteza imbere ubufatanye bw'umugore n'umugabo ndetse bigafasha mu iterambere ry'umuryango. Mu mahoteri n'inzu bariramo, imirimo yo guteka, kugabura, no gusukura ibikoresho, ikorwa n'abagabo kandi bakayikora neza. Nta cyatuma rero no mu rugo batayikora.

Umuco wo kwicara umugabo ntacyo akora cyangwa akirirwa ku kabare anywa inzoga umugore ariwe urimo guhihibikana mu mirimo yo mu rugo wenyine ugomba gucika maze hagashyigikirwa ko bombi bafatanya kugira ngo hagabanywe n'imvune z'umugore bityo nawe abashe kwitabira gahunda zindi z'iterambere

Nk'uko bigaragara mu mateka n'umuco by'u Rwanda, ku ruhande rumwe, habayeho kudaha amahirwe angana umugore n'umugabo, kubuza umugore bumwe mu burenganzira bwe nko kumwima uburenganzira ku mutungo, gutanga ibitekerezo, kumuhohotera n'ibindi. Uyu muco ugomba gucika agahabwa agaciro mu guteza imbere umuryango we, akajya inama n'umugabo, bakuzuzanya mu bifitiye umuryango akamaro.

## 4.5. Guteza imbere umuco w'ubufatanye mu kubaka umuryango

Umuco w'ubufatanye, ubwuzuzanye no kujya inama, ushyira imbere uburere bw'abana, ugomba gutezwa imbere, ababyeyi bakita ku ndangagaciro ziteza uburinganire imbere, izibupfobya bakazireka kuko zidakwiye. Bakwiye kumenya ko abana b'abahungu n'ab'abakobwa bose banganya agaciro kandi bemerewe kuzungura no kuragwa umutungo w'ababyeyi babo bitandukanye na kera aho abahungu aribo bari bemerewe gusa.

Ni byiza ko umugore n'umugabo baharanira kubaka umuryango mwiza urangwa n'imico myiza ishingiye ku rukundo, ubwitange n'impuhwe, iyo mico ikabamo gukundana, kubahana, kudahemukirana, guha agaciro kangana abana b'abakobwa n'abahungu, kwihanganirana, gusabana no guhana imbabazi ku bitagenze neza, kujya inama zubaka, kugira ibanga, kwizerana, kwiyoroshya, kwicisha bugufi, kugira ubupfura n'ibindi. Umugabo n'umugore bakwiriye gukumira no kwanga ingeso mbi n'imyitwarire bigayitse bibangamira imibanire yabo myiza n'iterambere ry'umuryango wabo.

### ISOMO NKUYE MURI IKI GICE

- Umuco nyarwanda urimo indangagaciro ziteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye, hari kandi n'izibupfobya;
- Hagomba gutezwa imbere indangagaciro zimakaza uburinganire;
- Umuco w'ubufatanye, ubwuzuzanye no kujya inama bigomba gutezwa imbere;
- Umugore n'umugabo bakwiriye kurangwa n'imico yo gukundana, kubahana, kudahemukirana, kujya inama zubaka, kugira ibanga, kwizerana, kwiyoroshya, kwicisha bugufi n'ibindi.

# IGICE CYA 5: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE MU ITERAMBERE RY'IGIHUGU




Abagore n'abakobwa nabo bashoboye imirimo yose, harimo n'ubukanishi

Guha amahirwe angana n'uburenganzira bungana ku mugabo n'umugore, umuhungu n'umukobwa, bifite akamaro ku baturage no ku gihugu kuko bituma igihugu kigera ku iterambere rya bose kandi rirambye.

## 5.1. Uruhare rw'uburinganire mu guteza imbere ubukungu

Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ni inkingi y'iterambere rirambye ry'ubukungu bw'urugo n'ubw'igihugu muri rusange. Umuryango utera imbere mu buryo burambye iyo umugore n'umugabo babigizemo uruhare bombi. Iterambere ritangirira kuri bo ubwabo nyuma rikagera ku gihugu cyose.

- **Gushyira hamwe no gufatanya imirimo yo mu rugo**

Nta mirimo igenewe umugabo gusa, nta n'igenewe umugore gusa. Bitewe n'uko byumvikanyweho mu rugo kandi hashingiwe ku bushobozi buri wese afite, umugabo yiyemeza gukora bimwe, umugore na we akiyemeza gukora ibindi, umusaruro ukaba uw'urugo rwose, kandi uko gufatanya mu bwuzuzanye bigatuma hatagira uvunisha undi, ahubwo bikimakaza imibanire myiza.




Umugore n'umugabo barimo gufatanya imirimo yo mu rugo

Abashyingiranywe bafatanya ubuyobozi bw'urugo rwabo harimo kurwitaho kugira ngo rugwize umuco mwiza n'ibirutunga no kurwubaka rugakomera. Bityo buri wese agomba gushaka icyateza imbere urugo rwabo.Niba umwe mu bashyingiranywe yagiye mu mirimo ibyara inyungu hanze y'urugo, ntibikwiye guteza amakimbirane n'ishyari. Nta n'ubwo uhembwa menshi akwiye kumva ko ariwe usumbya undi ijambo mu rugo ahubwo bakwiye kumva ko ibyo bagezeho byose ari iby'umuryango atari iby'umuntu ku giti cye, bagaharanira iterambere n'icyubahiro cy'umuryango kuruta icy'umuntu kigiti cye.

- **Umugore akwiye gukora indi mirimo ibyara inyungu itari iyo mu rugo gusa**

Muri iki gihe, umugore ntakiri uwo kwicara no gukora imirimo yo mu rugo gusa ahubwo akora n'indi irimo ibyara inyungu, nk'ubucuruzi, gushaka akazi k'umwuga n'ibindi kugira ngo urugo rutere imbere. Ababitangiye mbere ubu ni abanyemari bakomeye mu gihugu, bakora ubucuruzi mu gihugu no hanze yacyo, bageze kure mu kwiteza imbere no guteza imbere ingo zabo.



Umugore agiye mu mirimo y'ubucuruzi hanze 'igihugu

Abagore bakwiye guhindura imyumvire bagakangukira gukora imyuga yahoze yitwa ko ari iy'abagabo gusa, nko kubaka, gukanika imodoka, kubaza, gusudira, n'iyindi, kandi abagabo bakabibashyigikiramo. Abatanze abandi guhindura imyumvire bakiga iyo myuga byababafashije kubona akazi ubu bafatanya n'abagabo babo gutunga imiryango yabo.



Imirimo y'ubwubatsi cyera yari iy'abagabo gusa ubu abagore n'abakobwa barayikora kandi neza

Abagore n'urubyiruko badafite ubushobozi bwo gutangira imirimo y'ubucuruzi bashyiriweho ibigo by'imari nka banki zigamije iterambere ry'abagore (COPEDU na DUTERIMBERE IMF), na BDF (Business Development Fund) bigamije kubaha inguzanyo n'ingwate ngo bashyire mu bikorwa imishinga yabo y'iterambere (Pro-femmes Twese Hamwe, 2016).




Muri iki gihe abagore baragana ibigo by'imari bagafatanya n'abagabo guteza imbere ingo zabo n'igihugu muri rusange

Ni byiza ko habaho kuganira hagati y'abashyingiranywe umugabo n'umugore, bakigira hamwe imishinga iteza imbere urugo rwabo, no kwita ku burere bw'abana babo n'ibizabatunga. Umwe muri bo cyangwa bombi bashobora kwaka inguzanyo mu bigo by'imari ndetse hagati yabo bakumvikana uburyo buboneye bazayishyuramo mu rwego rwo kwiteza imbere no guteza imbere Igihugu muri rusange.

## 5.2. Uburinganire n'imibereho myiza

Ubukungu bw'umuryango bufite uruhare rukomeye mu kuzamura imibereho myiza y'abawugize kuko iyo ubukungu bwifashe neza, ababyeyi bombi babona ubushobozi bwo kubonera abana babo n'abandi bagize umuryango ibikenewe byose kugira ngo bagire ubuzima bwiza. Abana bose barihirwa amashuri bakiga, bakavuzwa, bakarangwa n'imirire myiza, isuku, amazi n'ibindi bikorwa remezo. Abagabo, abagore, abahungu n'abakobwa bakwiye kumenya no kwitabira ibikorwa bikurikira:

- **Kwitabira gahunda za Leta zishyigikira uburinganire n'ubwuzuzanye**

Abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu, bakwiye kumenya no kwitabira gahunda za Leta zashyizweho kugira ngo zishyigikire uburinganire n'ubwuzuzanye hagamijwe iterambere rya bose kandi rirambye ku buryo bungana.

Izo ni nka gahunda ya Girinka, ubudehe na VUP zitanga imirimo mu midugudu, abanyarwanda bakazamura ubushobozi bwabo kuko abitabiriye izi gahunda kuva zashyirwaho bamaze gutera intambwe ndetse bivana mu bukene.

- **Gukumira amakimbirane n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose**




Mugabo, menya ko ari bibi guhohotera uwo mwashakanye kandi ko bihanwa n'amategeko

Uburinganire n'ubwuzuzanye ni isoko yo kubana neza mu mahoro, birinda amakimbirane n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose. Abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa bakwiye kumenya ko hari ibigo bya "ISANGE One Stop Center" (IOSC) biri ku bitaro by'Intara n'iby'uturere bifasha ku buntu abahohotewe bagahabwa serivisi zikomatanyije. Muri IOSC hari abakozi bahuguwe kandi babifiye ubumenyi, hakaba n'ibyumba n'ibikoresho byabugenewe byo gufasha abahohotewe. Muri serivisi zihabwa abahuye n'ihohoterwa harimo ubuvuzi (urugero nko guhabwa imiti ibarinda kwandura virus itera SIDA, imiti ibarinda gutwita (niba ari abakobwa), gufashwa gutanga ikirego, kugirwa inama z'isanamitima kandi bagafashwa mu kunganirwa mu butabera. Izo serivisi kandi zatangiye gutangirwa mu bigo nderabuzima mu rwego rwo kwegereza serivisi zimwe abazikeneye badakoze ingendo zibavunnye (Haguruka, 2018).




Mugore sigaho guhohotera uwo mwashakanye kandi umenye ko ari icyaha gihanwa n'amategeko

Abahohotewe cyangwa abatabariza uwahohotewe, bashobora guhamagara kuri nimero zitishyuzwa zikurikira: RIB (116 cyangwa 3512); NPPA (3677), MIGEPROF (2560), MINADEF (3545), MINIJUST (3736)GMO (5798), Ni ngombwa kandi gutanga amakuru ku gihe.

- **Gufasha abagize umuryango bose kwishyura ubwisungane mu kwivuza**

Kugira ubuzima bwiza bisaba ko abagize umuryango bitabira gahunda y'ubwisungane mu kwivuza, umugore n'umugabo bose bakumva ko bibareba ku rugero rungana, kuko umwe ntabwo yakwiyishyurira umusanzu undi ngo awubure cyangwa ngo bibagirwe kwishyurira abana babo. Bose bagomba guhabwa uburenganzira bungana mu kwishyurirwa no kuvurwa kandi bugatangirwa igihe.

- **Kwita ku mirire myiza y'abagize umuryango**

Abagabo n'abagore bagomba kumva ko bafite inshingano zo kwita ku mirire myiza y'abagize umuryango wabo. By'umwihariko, abagabo barasabwa kwita ku mirire myiza y'umubyeyi utwite hagenderewe imikurire myiza y'umwana.

- **Guha ikiruhuko umubyeyi wabyaye**

Ikiruhuko cy'umubyeyi mu gihe yabyaye n'amahirwe ye yo kudatakaza umushahara cyangwa akazi ni bimwe mu biha agaciro inshingano y'umugore yo kubyara. Umugabo n'umugore bakwiye gufatanya muri iki gikorwa ndetse n'abakoresha bakabyumvishwa bakanabishyira mu bikorwa kuko nibwo umubyeyi yitabwaho neza n'umwana abyaye akazagira imikurire myiza (RWAMREC & CARE, 2020).

- **Gutuma habaho imigendekere myiza ya gahunda yo kuboneza urubyaro**



Abashakanye bakwiye kuganirizwa ibirebana n’ubuzima bw’imyororokere hagamijwe kuboneza urubyaro

Uburinganire n’ubwuzuzanye birakenewe kuko bifasha mu migendekere myiza ya gahunda yo kuboneza urubyaro. Abagabo bakwiye kureka imico itajyanye n’igihe ntibumve ko bireba abagore gusa, ahubwo bakagira uruhare muri gahunda yo kuboneza urubyaro kuko bizababafasha kubyara abana bumvikanyeho kandi bashoboye kurera.

- **Kwita ku burere bw'abana no kubaha uburere buboneye**




Ababyeyi bakwiye guha abana uburere buboneye

Abangavu n'ingimbi nabo bakwiye kwigishwa n'ababyeyi babo ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere bakiri bato, bakamenya imihindagurikire y'imibiri yabo, uko bagenda bakura n'uko bagomba kubyitwaramo, no kumenya neza imiterere n'imikorere y'imyanya ndangabitsina yabo. Bakwiye kandi guhabwa amakuru kuri serivise zo kuboneza urubyaro hakurikijwe ikigero cy'imyaka bagezemo kuko nabo bakeneye kwerekwa, kugezwaho no gusobanurirwa bumwe mu buryo bwo kuboneza urubyaro no kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye (nko gukoresha agakingirizo) (CORDAID, 2020). Mu rugo, ababyeyi bombi bagomba kubera abana urugero no kubaha uburezi n'uburere buboneye bakabatoza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kuva bakiri bato, kugira ngo bazakure baryumva neza, barishyira mu bikorwa (MIGEPROF, 2016).

Mu kuganira, ababyeyi bagomba gutega amatwi abana, bakabasobanurira ibyo batumva. Abana bagomba gutozwa kumva no kubaha ibitekerezo bya bagenzi babo, nta gusuzugura iby'uwo badateye kimwe, nta gusebanya cyangwa gusenyana. Bose bakwiye guhabwa urubuga rwo gutanga ibitekerezo nta vangura iryo ari ryo ryose, kandi bagatozwa kujya inama no gufatira hamwe umwanzuro (IMBUTO FOUNDATION, 2019).

- **Gutoza abana bose imirimo bafatanije**

Mu rugo nta vangura ry'ibitsina mu gutozwa imirimo rigomba kuhaba (nta mirimo igenewe umukobwa cyangwa umuhungu gusa) ahubwo ababyeyi bombi bakwiye gutoza abana gukora imirimo yose bafatanije, ntawe uvunisha undi kuko ariyo ntangiriro yo kuzafatanya n'abo bazubakana urugo mu gihe kizaza. Bituma kandi bafatanya n'ababyeyi babo mu guteza imbere umuryango wabo mbere na nyuma yo kubaka ingo zabo.






Abana bose (abahungu n'abakobwa) bakwiye gutozwa imirimo yo mu rugo

Abana bose (abahungu, n'abakobwa) bagomba gutozwa bakiri bato gufatanya imirimo yose yo mu rugo: gusukura urugo, gusukura ibikoresho, kuvoma amazi, gushaka ibicanwa, bagakora imirimo yose, kubaka, gukanika, gukora amashanyarazi, ndetse no gutwara ibinyabiziga, byose bakabitozwa kugira ngo bizabafashe mu buzima bwabo bwose (MIGEPROF, 2019).

- **Gushyira abana b'abahungu n'abakobwa mu mashuri yigisha siyansi n'ubumenyi ngiro**

Mu mashuli abana b'abahungu n'abakobwa bakwiye kwigishwa bimwe, guhabwa amahirwe amwe ndetse bagafashwa kwiga kimwe. Bemerewe kwiga amashuri y'ubumenyi n'ay'ikoranabuhanga, ay'imyuga n'ay'ubukorikori, kandi abakobwa bagenda bagaragaza ubushobozi kimwe n'abahungu ntibibe ikibazo (Itegeko ngenga N°. 02/2011/OL ryo ku wa 27 Nyakanga 2011 rigenga imiterere n'imikorere y'uburezi).





Abana bose (ahahungu n'abakobwa) bari mu mashuri amwe kandi bigishwa bimwe

Mu mashuri yose, ihame ry'uburezi budaheza rigomba kubahirizwa, buri munyeshuri agahabwa amahirwe yo kwiga hitabwa ku bibazo by'umwihariko uwo ari we wese yaba afite. Kandi ayo mashuri nibayarangiza, bahurire ku isoko ry'umurimo bapiganwe, urushije undi amanota abe ari we wegukana akazi. Ibikorwa remezo nk'amashuri, amavuriro, imihanda, amazi n'ingufu bikwiriye kuba hafi y'aho abantu batuye kugira ngo abagore n'abagabo babibone hafi, mu bufatanye babikoreshe bitabagoye (MINECOFIN, 2017).

## 5.3. Uruhare rw'Uburinganire mu miyoborere myiza

Guha agaciro uburinganire mu nzego z'imiyoborere no mu iterambere ry'igihugu bishyigikiwe n'Ubuyobozi Bukuru bw'Igihugu kandi byatumye abagore batinyuka bajya mu buyobozi bw'inzego za leta zifata ibyemezo, mu buyobozi bw'amashyirahamwe, ibigo bikomeye by'ubucuruzi, mu bucamanza, mu nzego z'umutekano n'ibindi.

Kuba u Rwanda rwarafashe iya mbere mu kwimakaza ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore, byatumye abanyarwanda abagore n'abagabo barushaho kwiteza imbere no kugira uruhare mu bukungu n'imibereho yabo iba myiza kuko abagore n'abagabo bose bitabiriye amashuli, biga imyuga bakanakora imirimo y'ubucuruzi ndetse n'ubushabitsi.

Abanyarwandakazi n'abanyarwanda bose bakwiye kubyishimira kandi buri wese akirinda icyagarura ubusumbane hagati y'abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu agaharanira kubaha amahirwe angana. Mu nzego za Leta bimaze kugaragara ko ihame ry'uburinganire rishyirwa mu bikorwa kuko abagore bari mu nzego zifata ibyemezo bamaze kuba benshi. Ubu abagore bariyamamaza bagatorwa mu myanya yo mu nzego z'ubuyobozi za leta n'iz'abikorera, ariko mu nzego z'abikorera no mu madini imibare iracyari hasi. Aba barasabwa gushyira mu bikorwa ingingo ziri mu Itegeko Nshinga no mu yandi mategeko zihamya uburinganire kugira ngo umugore agire uruhare mu nzego zifata ibyemezo, no mu miyoborere yose y'igihugu. Abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu babifitiye ubushobozi barasabwa kwitabira kujya mu nzego z'ubuyobozi kuko bose bafite amahirwe angana bahabwa n'amategeko. Ibi bikubiye mu cyerekezo 2050 cya Leta y'U Rwanda (GoR, 2020).

Bakwiye kandi kwitabira bose gahunda za Leta kuko nibwo zigira agaciro kandi ibyemezo bifatiwemo bakabigiramo uruhare bose ntawe uhejwe. Izo gahunda ni nk'Umugoroba w'Imiryango (UWI), Inshuti z'Umuryango (IZU), abajyanama b'ubuzima, abunzi, umuganda, itorero n'izindi. Kwitabira izi gahunda ntibivuze gusa kuzijyamo nk'umuturage usanzwe ahubwo bivuze kuzijyamo ukanaziyobora ugatangamo ibitekerezo byubaka kuko bituma ugira uruhare mu byemezo bifatwa no mu iterambere ry'igihugu. Ibi bivuze ko bakwiye kwitabira amatora yo mu nzego zose z'ubuyobozi bakaniyamamariza imyanya y'ubuyobozi kuko babifitiye uburenganzira bungana bahabwa n'amategeko (MIGEPROF, 2019).



Abagabo n'abagore, abahungu  n'abakobwa bitabiriye gahunda za Leta

## 5.4. Ingaruka n'igihombo cyo kutita ku buringanire

Kwirengagiza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bidindiza iterambere ry'umuryango kuko bizana intonganya za buri gihe, gusigana, amakimbirane, kurwana, kudahuza, kutishimirana, kutuzuza inshingano z'urugo harimo kutigisha no kutavuza abana no kwicana hagati y'abagize umuryango amakimbirane, ubushyamirane, kutavuga rumwe cyangwa kutumvikana hagati y'umugabo n'umugore biturutse ku kudahuza ibitekerezo cyangwa kudahuza inyungu no kutumva kimwe ihame ry'uburinganire byagiye bigaragara mu miryango imwe n'imwe, ndetse hari n'aho byagiye biteza amakimbirane na gatanya ku bashyingiranywe, n'impfu za hato na hato   bityo bigatera igihombo kinini ku rwego rw'umuryango ndetse n'igihugu muri rusange.

Kuba hari bamwe mu banyarwanda mu nzego zimwe z'abikorera ndetse n'abanyamadini batarumva neza bihagije iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore bituma bimwe mu bikorwa n'imishinga  itubahiriza iryo hame ku buryo bumwe ndetse bikadindiza iterambere ry'ibyo bigo n'iyo miryango hamwe n'igihugu muri

rusange. Kubera ko ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hari abaryumvise nabi, bituma hari imyumvire n'imigirire imwe n'imwe ishobora gutsikamira abagabo cyangwa abagore, bikaba byavamo guhohotera cyangwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ku mutungo n'andi moko menshi yaryo.

### ISOMO NKUYE MURI IKI GICE

- Uburinganire n'ubwuzuzanye ni isoko y'iterambere ry'abagize umuryango;
- Abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwabakwiye kumenya no kwitabira gahunda za Leta zishyigikira uburinganire n'ubwuzuzanye;
- Abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa babifitiye ubushobozi bakwiye kwitabira kujya mu nzego z'ubuyobozi kuko bose bafite amahirwe n'uburenganzira bungana bahabwa n'amategeko;
- Abagabo n'abagore bagomba kubana neza mu mahoro, birinda amakimbirane n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose;
- Ni ngombwa kwihutira kujyana uwahohotewe kuri Isange One stop centre (aho ziri) cyangwa ku ivuriro no gutanga amakuru ku nzego zibishinzwe mu gihe hari uwahohotewe.

# IGICE CYA 6: URUHARE RW'ABAGABO N'ABAGORE MU KWIMAKAZA UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE



Umugabo n'umugore bafatanyije imirimo yo mu rugo

Mu rwego rwo kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, uruhare rwa buri wese rurakenewe. Abagore n'abakobwa, abagabo n'abahungu barasabwa kubigira ibyabo kuko imyumvire ya kera ishingiye ku mateka y'ubusumbane hagati y'umugabo n'umugore igira ingaruka mbi ku bagore n'abagabo no ku bakobwa n'abahungu. Abagore n'abagabo barasabwa kumva neza ihame ry'uburinganire kugira ngo birinde guhohotera abagabo cyangwa bagore babo no kubangamira uburenganzira bwabo. Birashoboka ko abagore bakwitwara nabi ku bagabo bitewe n'uko bafatwaga kera cyangwa se ko abagabo bakwitwara nabi kubera kumva ko bambuwe ububasha. Abagore n'abakobwa, abagabo n'abahungu, buri wese arasabwa gutanga umusanzu we mu kuwimakaza ihame ry'uburinganire.

## 6.1. Uruhare rw'abagabo n'abahungu mu kwimakaza uburinganire

Kera, ababyeyi b'abagabo bitaga ku bana b'abahungu no kubatoza imikorere bitaga iya kigabo, n'abagore bagatoza abana b'abakobwa imyitwarire n'imyifatire ya kigore. Abagore bumvaga ko abagabo aribo bategeka, aribo bazana ibitunga urugo (gukorera amafaranga) kandi ko nta mugore wavuga mu ruhame, cyangwa wahakana ibyo umugabo avuze n'iyo byabaga atari ukuri.

Imyifatire imwe n'imwe y'umugabo nko kumva ko ariwe ufite ingufu/imbaraga, ari we utegeka, ariwe ny'ir'urugo wenyine, atagomba kugira uruhare mu burere bw'abana, biri mu myifatire yagiye ituma imibanire y'abagabo n'abagore mu miryango yabo itaba myiza, n'iterambere ryabo ntiryihute kuko nta bufatanye, nta bwuzuzanye n'uburinganire mu miryango yabo (MIGEPROF, 2011).

Kwiyumva kigabo, aribyo bita "**masculinity**" mu ndimi z'amahanga, ni imyifatire, imigirire cyangwa imikorere y'abagabo bitewe n'uko biyumva kigabo n'uko sosiyete babamo ibafata mu bijyanye n'inshingano, uburyo bwo kubaho n'imyitwarire igomba kubaranga (RWAMREC & CARE, 2020). Hari imigirire n'imyifatire ya kigabo ya kera ibangamiye uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, aho umugabo arangwa na bimwe bikurikira:

- Kumva ko ibyo akora, abikora kigabo;
- Kumva ko urugo ari urwe, ari we rureba gusa;
- Kumva ko agomba gukora imibonano mpuzabitsina igihe icyo ari cyo cyose abishakiye;
- Kumva ko afite uburenganzira bwo gushaka abagore benshi, cyangwa kugira inshoreke;
- Kumva ko guhohotera uwo bashakanye atari icyaha, ko kumukubita ari ukumuhana;
- Kuba ari we wenyine  ufata ibyemezo mu muryango, n'ibindi.

### 6.1.1. Intambwe zo guhinduka no guhindura abandi bagabo

Abagabo bamwe batinya guhinduka kuko bumva ko bagenzi babo babafata nk'inganzwa cyangwa ko bahawe inzaratsi/barozwe n'abagore babo, bakumva ko na sosiyete ibagaya, ikabigizayo. Ariko iyi myumvire irashaje, ntaho yageza abagabo mu mibanire yabo n'abagore babo, niyo mpamvu guhinduka kw'abagabo bagafatanya n'abo bashakanye bibafitiye akamaro bikakagirira n'abana babo.

Abagabo bamaze kumva no kumenya akamaro ko guhindura imyitwarire ishaje yitwa iya kigabo yabangamiraga abagore, barasabwa kugira uruhare mu guhindura bagenzi babo batarahinduka, bababera intangarugero mu mibanire myiza igomba kubaranga no kubibahugurira (MIGEPROF, 2021).

**Zimwe mu ntabwe zo guhinduka no guhindura bagenzi babo:**

- Guhinduka ku giti cyawe mu myifatire, imigirire cyangwa imikorere;
- Kubera inshuti zawe n'umuryango urugero rwiza;
- Kubera abaturanyi urugero rwiza no kubigisha imyifatire, imigirire cyangwa imikorere y'ubufatanye mu miryango yabo;
- Gukora ubuvugizi ahashoboka hose kugira ngo abagabo bafite imyumvire mibi bigishwe guhinduka.

### 6.1.2. Ibiranga umugabo wahindutse

Hari imigirire n'imyifatire ikwiye kuranga umugabo wahindutse, ikaba iteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, aho umugabo arangwa na bimwe bikurikira:

- Guha agaciro uwo bashakanye;
- Kujya inama mu rugo ntiyiharire ijambo, ntafate ibyemezo wenyine;
- Kwerekana ibyiyumviro bye mu buryo bwubaka;
- Kudaharika uwo bashakanye,gutegurana n'uwo bashakanye mu gihe bifuza gukora imibonano mpuzabitsina;
- Gufata ibyemezo byemeranyijweho n'abagize umuryango;
- Kwirinda guhohotera uwo bashakanye n'abandi bagize umuryango, n'ibindi

Umugabo wahindutse kandi arangwa n'ubufatanye mu mirimo y'urugo nko kwita ku bana no kubaha uburere buboneye, kugira uruhare mu gukora imirimo yo mu rugo hashingiwe ku bushobozi, ku mwanya buri wese afite no kuba buri wese yumva icyo gufatanya bimaze mu guteza imbere imibanire myiza y'abagize umuryango (RWAMREC & CARE, 2020).

## 6.2. Uruhare rw'abagore n'abakobwa mu kwimakaza ihame ry'uburinganire

Abagore n'abakobwa nabo barasabwa guhindura imyumvire n'imigirire itari myiza ibangamira abagabo n'abahungu nabo ubwabo mu rwego rwo kwimakaza ihame ry'uburinganire. Bagomba kumva ko imirimo bashoboye bagomba kuyikora niba iteza ingo zabo imbere batitaye ku kuba cyera yaragenerwaga abagabo gusa. Umugore nawe afite inshingano kimwe n'umugabo yo guhahira urugo no gushaka ibitunga umuryango.

Niba umugabo nta kazi afite ntabwo umugore akwiye kumusuzugura ngo avuge ko ntacyo ashoboye cyangwa ko atakiri umugabo kuko adafite amafaranga, akazi, cyangwa akirimo kugashakisha. Nta n'ubwo umugore akwiye kwanga gukora ngo yibwire ko umugabo ari we ugomba gukora no guhahira urugo kuko ari umutwe/umutware w'urugo. Ahubwo umugore akwiye kwita ku rugo akaruhahira kuko ari we ufite akazi, ntahoze umugabo ku nkeke amusaba ibyo adashoboye kubona kandi bigaragara ko atabifitiye ubushobozi.

Abagore n'abakobwa bagomba kumva ko uburinganire atari uguhangana hagati y'umugabo n'umugore, ko ahubwo ihame ry'uburinganire rishingiye ku kuba abantu bose bangana imbere y'amategeko kandi bose bagomba gufatanya ntawe uvunisha undi.

Abagore n'abakobwa bagomba kumva ko batigaranzuye abagabo, abagabo na bo bakumva ko bataremewe guhohotera abagore. Ahubwo hakwiriye kubaho ubwuzuzanye, uruhare rwa buri wese rukagaragara mu bwisanzure, kugira ngo buri wese agire uruhare mu iterambere ry'urugo rwe by'umwihariko n'iry'igihugu muri rusange.

Kuba abana b'abakobwa cyangwa abagore bashyirirwaho gahunda zitandukanye zo kubateza imbere, bikomoka ku kuba amateka yaragiye abasigaza inyuma ugereranyije na basaza babo, bityo abakobwa bakwiye kwitabira gahunda zitandukanye zo gushishikariza abagore kwitinyuka no gukora imirimo inyuranye, ku bana b'abakobwa, gutinyuka imirimo imwe n'imwe ndetse n'amasomo amwe n'amwe yakunzwe kwitwa ay'abagabo.

## 6.3. Akamaro ko guhinduka mu migirire n'imyifatire mu kwimakaza uburinganire

Guhinduka mu migirire n'imyifatire y'ubufatanye mu muryango bifite akamaro kuko umugabo ufasha umugore we mu mirimo yose y'urugo, bakajya inama muri byose, bakunganirana mu gushaka icyateza imbere urugo rwabo, nibo babana neza, bakarera abana babo neza bababera urugero rwiza, kandi bagateza imbere urugo rwabo. Umuryango wabo ubana mu mahoro, ukajya inama zubaka, ukaba intangarugero muri sosiyete yose (CORDAID, 2018) haba mu bukungu no mu mibereho myiza y'urugo rwabo.

### ISOMO NKUYE MURI IKI GICE

- Ubwuzuzanye bwa nyabwo ni ubushingiye ku bufatanye hagati y'abantu bose, abagabo n'abagore by'umwihariko aho usanga abahungu n'abagabo babigiramo uruhare rugaragara.;
- Ntabwo iterambere ry'abagore n'abakobwa rishoboka abagabo n'abahungu batabigizemo uruhare;
- Abagore n'abakobwa nabo bafite inshingano yo gufatanya na basaza babo mu mirimo yose ibateza imbere kandi igateza imbere ingo zabo .
- Ni ngombwa gufatanyiriza hamwe tukubaka u Rwanda aho abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa bafatanya inshingano mu rwego rwo guteza imbere uburinganire, ubwuzuzanye mu miryango hubahirizwa uburenganzira bwa buri wese.

# UMUSOZO

Uburinganire n'ubwuzuzanye ni ngombwa kugira ngo abantu bose batere imbere ntawe uhejwe, n'Igihugu kigere ku iterambere rirambye. Niyo mpamvu buri wese agomba kubushyigikira no kubwimakaza aho ari hose. Mu muryango, haba hari uburinganire n'ubwuzuzanye igihe umugore n'umugabo bafite uburenganzira bungana kandi bose buzuza inshingano zirebana no guteza imbere umuryango mu bufatanye kandi hashingiwe ku bushobozi bwa buri wese, ibi bikajyana no guha umwana w'umukobwa n'umuhungu amahirwe angana.

Kuba abana b'abakobwa cyangwa abagore bashyirirwaho gahunda zitandukanye zo kubateza imbere, bikomoka ku kuba amateka yaragiye abasigaza inyuma ugereranyije na basaza babo, bityo hagashyirwaho gahunda zo kubashishikariza kwitinyuka no gukora imirimo inyuranye, ndetse n'amasomo amwe n'amwe yakunze kwitwa ay'abahungu/abagabo gusa.

Abantu bagomba kumva ko uburinganire atari uguhangana hagati y'umugabo n'umugore, ko ahubwo ihame ry'uburinganire rishingiye ku kuba abantu bose bangana imbere y'amategeko kandi bafite uburenganzira bungana muri gahunda zose z'igihugu.

Inzego zose, harimo n'abikorera barasabwa guha uburenganzira n'amahirwe angana abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa kuko nibyo shingiro ry'iterambere rirambye. Abanyamadini n'amatorero nayo arasabwa kwimakaza ihame ry'uburinganire kuko Imana ikunda abantu bose kimwe itarobanuye.

Uruhare rw'abagabo n'abahungu mu guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye rurakenewe cyane. Abagabo bakwiye gufatanya n'abagore babo bagakorera ingo zabo n'imiryango yabo kuko ari byo bizabateza imbere.

Abagore n'abakobwa bagomba kumva ko batigaranzuye abagabo, abagabo na bo bakumva ko bataremewe guhohotera abagore. Ahubwo hakaba ubwuzuzanye, uruhare rwa buri wese rukagaragazwa mu bwisanzure, buri wese akagira uruhare mu iterambere ry'urugo rwe by'umwihariko n'iry'igihugu muri rusange. Abanyarwanda bose bagomba kumva ko iyo umugore n'umugabo bafite uburenganzira bungana, bituma bombi biyumvamo inshingano n'uruhare bingana mu kwiteza imbere no guteza igihugu imbere.

Guteza imbere ihame ry'uburinganire ni inshingano ya buri wese, bityo tubigire intego maze twubake umuryango utekanye kandi ushoboye.

# IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE


**Amasezerano Mpuzamahanga**

- Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye Uburenganzira bwa Muntu, 1948
- Amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira mu mbonezamubano na politiki, 1948
- Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abari n'abategarugori, 1966
- Itangazo ry'ibyemezo byafatiwe I Beijing, 1995
- Amasezerano mpuzamahanga yerekerekeye ugushyingirwa ku bushake, imyaka mike yo gushyingirwa no kwandika ubushyingirwe, 1962
- Amasezerano mpuzamahanga arengera uburenganzira bw'umugore mu bya politike, 1952
- Itangazo mpuzamahanga ryerekeye guca burundu ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore, 1993
- Umwanzuro w'Umuryango w'abibumbye 61/144 werekeye kongera imbaraga mu guca burundu ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore.
- Umwanzuro w'Umuryango w'Abibumbye werekeye guca burundu gufatwa ku ngufu n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore n'aho rigaragara hose haba mu bihe by'amakimbirane n'ibindi bihe bisa na yo.
- Amasezerano mpuzamahanga adahatirwa y'inyongera ku masezerano nyafurika ku burenganzira bwa muntu avuga ku burenganzira bw'abagore muri Afurika. 2000
- Itangazo ry'inama mpuzamahanga ya Kigali ku ruhare rw'inzego z'umutekano mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa yashyiriweho ikigo cyo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo kuri uyu mugabane, ubunyamabanga bwacyo buri i Kigali kandi yasinywe n'ibihugu 20 muri Afurika.
- Amasezerano mpuzamahanga yo kuwa 18 Ukuboza 1979 yerekeye guca burundu ikandamizwa ry'abagore iryo ariryo ryose (CEDAW), 1979
- Amasezerano mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu (1978)

**Politiki, amategeko, Gahunda, imfashanyigisho na raporo bya Leta y'u Rwanda**

- Republic of Rwanda. (2020) Vision 2050. Kigali
- Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2013). Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda. Imfashanyigisho ibanza. Kigali
- MIGEPROF (2011). Politiki y'igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, Kigali
- MIGEPROF (2010). Politiki y'Igihugu y'Uburinganire, Kigali
- MINECOFIN (2017). National Strategy for Transformation 1. Kigali
- MINISPOC (2019): Gender mainstreaming strategy for sports and culture. Kigali
- Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.
- Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu

- Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura
- Itegeko N° 51/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana icuruzwa ry'abantu no gushakira inyungu mu bandi;
- Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iro ari ryo ryose rishingiye ku gitsina
- Itegeko ngenga N°. 12/2013/OL ryo ku wa 12 Nzeri 2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta,
- Itegeko ngenga N° 10/20/2013/OL ryo ku wa 11 Nyakanga 2013 rigenga amashyaka ya politiki n'abanyapolitiki
- Itegeko N°. 43/2013 ryo ku wa 16 Kamena 2013 rigenga imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda
- Itegeko ngenga N°. 02/2011/OL ryo ku wa 27 Nyakanga 2011 rigenga imiterere n'imikorere y'uburezi
- Gahunda y'igihugu yo kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye (2016-2020)
- Gahunda yo gushyira mu bikorwa Itangazo rya Beijing (2012-2017)
- Gahunda y'igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina (2011) n'iteganyabikorwa ryayo (2011-2016)
- IMBUTO FOUNDATION, (2016). Tuganire Mwana wanjye, Kigali.
- MIGEPROF (2019). Kigali, Noza imibanire mu muryango wawe, Kigali.
- MIGEPROF: Profile of Gender in Rwanda, National Synthesis, February 2005
- MIGEPROF (2016). Uburere buboneye. Imfashanyigisho.Kigali
- MINISPOC, (2018). Indagagaciro z'Umuco w'u Rwanda, Inyandiko Nyobozi, Kigali.
- GoR. (2019), Beijing+25 Rwanda Country Report
- GMO (2019), Tumenye kandi twimakaze ihame ry'uburinganire, turwanye ihohoterwa rishingiye ku gitsina, Kigali.
- GMO (2019), State of gender Equality in Rwanda, from Transition to transformation, Kigali.
- MIGEPROF (2020). Menya ihame ry'uburinganire. Imfashanyigisho igenewe abafashamyumvire ku ihame ry'uburinanire: Kigali, Rwanda

<u>**Ibindi bitabo**</u>

- CORDAID (2020). Formation en genre, masculinite positive et development en l'endroit des partenaires de CORDAID. Bujumbura, Burundi.
- HAGURUKA, (2018), Tumenye ibirebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'amategeko arirwanya
- PRO- FEMMES/ TWESE HAMWE (2016). Inyandiko mfashamyumvire ku buringanire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Rwanda, Kigali, Rwanda.
- RWAMREC & CARE (2020). Kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye-urubyiruko rubigizemo uruhare: Incamake y'imfashanyigisho igenewe urubyiruko. GEWEP II. Kigali

## Build a safe and Resilient Family /
## Twubake Umuryango Ushoboye kandi Utekanye

@RwandaGender

RwandaGender

Rwanda_Gender

@MIGEPROFRWANDA